IGIHE.com

- IKINYARWANDA
- IKIRUNDI
- ENGLISH
- FRANÇAIS

Andika Aha... SHAKISHA

kwamamaza

Ahabanza
Abo Turibo
Serivisi
Twandikire
Ibirimo

il y a 8 heures Perezida Kagame yahaye umukoro abanyamuryango ba FPR Inkotanyi | hier Rusizi muri yombi azira gufata ku ngufu umwana we w'imyaka 12 | hier Amashuri agomba gutanga ubur bukemura ibibazo by'abaturage-Minisitiri Biruta | Ikijuju cyasimbuye Umwura mu kwibuka Jenos Abatutsi | Gishwati : Isaranganywa ry'amasambu ryahawe igihe ntarengwa

IGIHE.com > Amakuru > U Rwanda

COMMENT: 1

Umushinga mpuzabahanzi « Abantu bahagaze bemye » ahibukirwa Jenoside yakorewe Abatutsi

Yanditswe kuya 9-02-2013 - Saa 08:24' na Karirima A. Ngarambe

Like 22 Send Tweet 0 0

Mu Rwanda hagiye gutangizwa umushinga mpuzabahanzi w'amashusho ku nkuta z'ahibukirwa Jenoside yakorewe Abatutsi muri Mata 1994. Uwo mushinga wiswe « Abantu bahagaze bemye » watekerejwe mu rwego rwo kugira ngo haboneke ibihangano bijyanye n'igihe cyo kwibuka Jenoside yakorewe Abatutsi, kandi biha agaciro n'icyubahiro abazize uko bavutse.

Kugira ngo dushobore kumenya byinshi kuri uwo mushinga IGIHE twaganiriye na Rwayitare Providence, Umufatanyabikorwa w'umuhanzi Bruce Clarke, wageze mu Rwanda ku wa 8 Gashyantre 2013 mu rwego rwo gutangiza gahunda yise « Abantu bahagaze bemye ».

Rwayitare Providence agira ati “Abantu bahagaze bemye » ni umushinga w’ubuhanzi bugamije kwibuka. Watekerejwe n’umunyabugeni Bruce Clarke bivuye ku cyifuzo cy’uko haboneka ibihangano bijyanye n’umurimo wo kwibuka, byo kwerekana mu gihe cyo kwibuka Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994. »

Rwayitare akomeza atangaza ko uwo mushinga ugamije guhanga amashusho yimbitse, agaragaza ahantu hiciwe abantu n’ahubatse inzibutso za Jenoside mu Rwanda. Ati « Hazashushanywa abagabo, abagore n’abana mu buryo bw’ubugeni hanze y’inzibutso za Jenoside ahabonwa na bose. Ibyo bishushanyo by’ibihangange, bigera kuri metero 5 z’uburebure, bizagaragarira ababireba nk’imibyimba y’abantu itaziguye ariko ihamye, ishushanya icyubahiro cy’abambuwe ubumuntu muri Jenoside, baba abishwe cyangwa abarokotse. Abo Bantu bahagaze bemye, bahagaze nk’abahamya b’amateka y’umubabaro. Ikigamijwe ni Urwibutso rw’abishwe no gusubiza agaciro buri muntu mu bo Jenoside yari igamije gutsemba, kubasubiza icyubahiro bambuwe. »

Akomeza avuga ko ahantu hagiye harimburirwa abantu hazaba hatuwe n’ibyo bimenyetso kugira ngo hatagira ubibagirwa. Ko kandi ibyo bimenyetso bishobora gushushanywa ku nzibutso zitandukanye no gushyirwa hirya no hino ku Isi yose mu itumba ry’umwaka wa 2014 mu gihe cyo kwibuka Jenoside ku nshuro ya 20.

Ikindi Rwayitare agaragaza ni uko ayo mashusho azaba ashimangira ko Abanyarwanda bahagaze bemye, bafite ishema n'ubwo banyuze mu bikomeye.

Agira ati « Umuryango mpuzamahanga, ibihugu by'ibihangange na LONI bakwiye kwibuka abishwe, gukomeza abarokotse no kwibuka uruhare rwabo mu bikorwa bitandukanye byatugejeje kuri jenoside mu Rwanda. Ikigamijwe aha, ni ukumenyesha amateka ya Jenoside umuryango mpuzamahanga, gukangurira inyokomuntu yose ibyabaye mu 1994 no kurema urutindo ruhuza abanyarwanda n'abandi baturage b'Isi. »

Umushinga w'ubuhanzi bushushanya ku nkuta bugenewe abantu bose, uzayoborwa n'umunyabugeni Bruce Clarke uzakorana n'abayobozi b'u Rwanda mu nzego zitandukanye n'amashyirahamwe y'abarokotse Jenoside, ukazakorerwa ku nzibutso n'ahandi hantu hafitanye isano na Jenoside, hashyirwa ibishushanyo ku nkuta hakoreshejwe amarangi. Hazacapwa kandi ibishushanyo cyangwa bishushanywe ku mizingo minini, byatuma byoroha kubyimurira ahandi nko cyicaro cy'Umuryango w'Abibumbye i New York cyangwa ku mbuga yitiriwe uburenganzira bwa Muntu i Paris.

Mu majoro yo kwibuka hazakoreshwa amatara ashushanya « Abantu bahagaze bemye ».

IZINDI NKURU WASOMA

Amakuru | U Rwanda

Akajagari mu gutwara abagenzi karashira mu kwezi gutaha – RDB/RURA
10.02.2013

Amakuru | U Rwanda

Musanze : Abakozi b'ikigega gihunika imyaka bategereza guhembwa bagaheba
10.02.2013

Amakuru | U Rwanda

Polisi yahawe ubumenyi mu gutahura abanyabyaha ku kibuga cy'indege
10.02.2013

Amakuru | U Rwanda

Kiliziya Gatorika ishobora gufungira amasakaramentu Riderman
10.02.2013

Amakuru | U Rwanda

Perezida Kagame yahaye umukoro abanyamuryango ba FPR Inkotanyi
10.02.2013

KANDA AHA UREBE N'IZINDI NKURU NYINSHI ...

IBITEKEREZO
iki gitekerezo turagishigikiye kandi nikiza.bizatuma twiyubaka twese kuko tuzaba twibona mubacu bahagaze bemye.
Musubize 9.02.2013 saa 14:31
nyina

ANDIKA ICYO UTEKEREZA KURI IYI NKURU

- AHO WANDIKA
- IZINA [Se connecter]
- EMAIL YANYU

OHEREZA

AMATEGEKO AGENGA IYANDIKA RY'IGITEKEREZO CYAWE:
Witandukira kubijyanye n'iyi nkuru; wikwandika ibisebanya, ibyamamaza cyangwa bivangura; wikwandika ibiteye isoni,
Wifuza kubona byihuse ibivugwa/ibisubizo ku gitekerezo cyawe, andika email yawe ahabugenewe.
Igitekerezo cyawe kigaragara nyuma y'isuzuma rikorwa na IGIHE.com
Ibi bidakurikijwe igitekerezo cyanyu gishobora kutagaragara hano cyangwa kigasibwa, Murakoze!

na yombi
Akirane Uruguiro Abakugana
RDB RWANDA DEVELOPMENT BOARD
kwamamaza



kwamamaza

Leaderboard Ads Banner
728 x 90
ADVERTISE WITH US NOW ! CLICK FOR MORE

Andika Aha... SHAKISHA
IGIHE Network
JYA HEJURU

IGIHE.com mu Kinyarwanda IGIHE.com in English IGIHE.com en Français
Join us

Socialize with us

Contacts

Location: Ndamage Building 4th Floor

PO Box: 3477 Kigali-Rwanda

Phones:
+250 788 74 29 08, +250 788 49 69 15, +250 728 94 66 08

Emails:
info@igihe.com, marketing@igihe.com

Website Developed by

Uru Rubuga Ruheruka Gushyirwaho Amakuru **dimanche 10 février 2013** Saa **14:06:08**

Copyright © 2009 -2013 - IGIHE Ltd - All Rights Reserved